

Ubutumwa Yezu yahaye Valentine Nyiramukiza ku itariki ya 18/12/2021 saa cyenda na cumi n'itanu z'ijoro bwo kugeza ku bihayimana, ku basenga n'abemera bose.
(Rue Juliette Whytsman, 4 - 1050 Ixelles).

Yezu : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda.

Valentine : Karame Papa.

Yezu : Ntega amatwi nkubwire ikinzanye, amasengesho urayakomeza nyuma.

Valentine : Yego Papa. Ni byo ndabyumvise.

Yezu : Ikinzanye nyamukuru ni iki : Ubanze untege amatwi ntunce mu ijambo ngo umvugiremo. Urumva mwana wanjye ?

Valentine : Yego ndabyumvise, Papa.

Yezu : Nje kugutuma ibi bintu bikurikira uzangereza ku bihayimana, ku basenga no ku bemera bose.

Naje nigisha ivanjiri n'urukundo, nkiza indwara, shitani, n'izindi ndwara zitandukanye z'amoko yose ku bemera n'abatemera.

Nigishije abanyabwenge n'abanyamadini mu nsengeru no mu butayu, mbese aho nabaga ndi hose nigishaga ijambo ry'Imana, nyobora urumuri ku bari babudikiwe n'umwijima w'ubuyobe n'ubupagani nkuko bimeze ubu ng'ubu. Natoye intumwa zari mu mirimo itandukanye n'ukwemera gutandukanye. None rero na mwe mwiyeje kuba mu kigwi cyanjye hano ku isi, mwe bihayimana, basenyeri, bapadiri, ngo muyobore imbaga nyamwinshi y'abakristu ba Kristu, murimo murabayobora mu nzira y'umwijima muha agaciro ibikorwa bya shitani igamiye kuyogoza isi n'abayituye. Nyabuna, bana banjye, nimwisubireho amazi atararenga inkombe, murengere, muvugire abakristu mushinzwe, yenda mubizire.

Mwigira ubwoba kuko mubuterwa n'umwanzi shitani. Ahubwo nimushyire hamwe muyirukanishe ububasha mwahawe mupfukiranye.

Abasenga na mwe nimusenge cyane, mwiyirize, mwicuze mukibona uburyo bwo kwicuza n'aho mwicuza, musabe imbabazi, mubabarirane bamwe n'abandi, mwiherere maze Noheli izabasange mu mwiherero muvuke ku bw'umwuka wa Roho Mutagatifu.

Mwigira ubwoba rero kuko aho muzaba muri hose nzahasanga ndetse no mu ngo zanyu nimunkingurira nzinjira, bana banjye.

Abahohotewe na mwe mutazi iyo biva n'iyi bijya, kandi barahari, ni bo benshi, mwese mwigira ubwoba, nzabavura ntacyo muzaba, bana banjye.

Nimushyire ukwemera nyakuri imbere maze mutegure ikirugu cy'umutima wanyu maze muzavuke bundi bushya.

Mugire ingo zanyu Altari ntagatifu.

Ku badashobora kumpazwa nzabasanga mbasanganire, mbahaze ku mutima Umubiri n'Amaraso Byanjye, ntimuzasonza turi kumwe niba mwifitemo icyizere cy'Uwo mwemera ari We Jyewe Yezu Kristu ubatumaho ubabwira.

Mufate Rozari yanyu nk'uko Mama Bikira Mariya abibabwira buri gihe ko akunda Rozari. Nyabuna ni yo ntwaro nyayo y'umukristu ! Ni cyo kibando kitajegajega ngo gitsikire, kigwishe abakitwaje ndabarahiye !

Ya masengesho mwavuze bamwe muri mwe mwugarijwe yagiye he ? Ko mwibagiwe mukadamarara ? Mwongere musubize amaso inyuma musengane icyizere mwari mufite mutarihaza ngo mwikwize muri byose.

Nimwubake rwa rukiramende mureke gucikamo ibice kuko mwese ibi bihe bibi murimo birabareba.

Reka ndekere aho, mwana wanjye, kuko navuze byinshi kubera ko mbona ibyo twababwiye kuva twabasura baravuniye ibiti mu matwi batabyumva neza bose.

Aba umwe agatukisha bose !

Mukomere ku masengesho yanyu ya buri muni, kuko akiza byinshi na benshi kandi ashegesha Shitani igahinda umushyitsi ikavugishwa.

Mukomereze aho bana banjye, mwe musenga, mbahaye umugisha : abato n'abakuru n'abazabagana, n'ababakomokaho bose.

Ni ibyo byari binzanye, mwana wanjye, kuko birakomeye n'uko mwe mutabizi neza uko biri.

Ngaho rero reka nguhe umugisha mwana wanjye maze ukomeze amasengesho yawe aho warugereje.

Valentine : Yego Papa.

Yezu : Nguhaye umugisha kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.
Amina. Uramukeho, mwana wanjye.

Valentine : Urakoze cyane, Papa. Uramuke.